/B.J./M.Z./

Kigali kuwa 28 JUIN 1984

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISTERI Y'URUBYIRUKO NO
GUTSURA ZA KOPERATIVE
B.P. 1044 KIGALI

N° 2334 /15.00

Nyakubahwa Milita Prezida wa Repubulika,
Prezida-Fondateri wa Muvoma Revolisiyoneli
Iharanira Amajyambere y'U Rwanda
KIGALI

Impamvu: Inyandiko-mvugo y'Inama ya Selire.

Nyakubahwa Milita Prezida,

Mboherereje inyandiko-mvugo y'Inama ya Selire ya Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yabaye taliki 29 Gicurasi 1984.

Muli iyo nama twasobanuye "organigramme" nshya ya Ministeri, imigendekere y'akazi kandi twerekana n'abakozi bakuru bagomba kudufasha mu milimo mwadushinze.

Mugire amahoro kandi murambe mu Banyarwanda, Nyakubahwa Milita Prezida wa Repubulika, Prezida-Fondateri wa Muvoma Revolisiyoneli Iharanira Amajyambere y'u Rwanda.

Ministri w'Urubyiruko
no Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Agusitini
Major BEM.

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE ET DU MOUVEMENT COOPERATIF

Bimenyeshejwe :

- Milita Umunyamabanga Mukuru wa M.R.N.D.
  KIGALI
- Milita Prezida w'Inama y'Igihugu Iharanira Amajyambere
  KIGALI
- Milita Ministri (bose)
  KIGALI

cl 27

/B.J./M.Z./

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERE Y'URUBYIRUKO
NO GUTSURA ZA KOPERATIVE
B.P. 1044 - KIGALI

INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YA SELIRE YA MINISITERI Y'URUBYIRUKO NO GUTSURA ZA KOPERATIVE YABAYE TALIKI YA 29 GICURASI 1984.-

=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=

I. Abali muli iyo nama : - Umukuru wa Selire kandi ali nawe Prezida w'Inama, Milita Ministri NDINDILIYIMANA Agusitini, Major BEM, akikijwe n'abafasha be bagize Komite ya Selire.

- Hali n'Abamilitante n'Abamilita ba Selire ya Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative.

II. Imigendekere y'Inama

Inama ya Selire yabaye taliki ya 29 Gicurasi 1984 kuva saa munani n'iminota 55 kugeza saa kumi n'iminota 35. Yabaye ikulikira iyo ku italiki ya 23 Gashyantare 1984.

Ibyali biteganyijwe ku murongo w'ibyigwa.

A) Amabwiliza rusange yerekeye akazi

B) Imiterere mishya ya za Serivisi (organigramme)

- Milita Ministri yabanje kwibutsa ko Abamilitante n'Abamilita bagomba guhura kenshi kugira ngo bungurane ibitekerezo. Ibyo ntibigomba kubera gusa mu nama ya Selire. Milita Ministri yasabye abafasha be kwita ku gukoresha inama za Servisi kugira ngo barebe ukuntu amabwiliza atanga akulikizwa n'abo bashinzwe.
Bene izo nama zizajya zituma hakemurwa ibibazo bitali bikeya bitagombye kugera mu nama ya Selire.

A) Amabwiliza rusange y'akazi

Milita Ministri yasobanuye iteka rya Prezida wa Repubulika n°173/06 ryo ku taliki 23 Gashyantare 1984 lishyiraho imiterere mishya y'imilimo muli za Minisiteri. Yibanze ku ngingo yerekeye imikorere ya Ministeri ashinzwe.
- Yavuze ko abakozi bose ba Minisiteri ayobora bagomba gushyira hamwe, bakumva akazi bashinzwe kandi bakamufasha kurangiza imilimo Prezida wa Repubulika yamushinze.
- Umunyamabanga mukuru ni umufasha w'ingenzi wa Ministri ugomba guhuza abakozi b'inzego zose za Minisiteri. Abakozi basabwe kumugezaho ingorane zishobora kudindiza akazi kabo aliko kandi bakerekana n'inzira yatuma zikemurwa. Umunyamabanga mukuru agomba gushungura ibibazo byamugejejweho n'abakozi babinyujije mu nzego z'ubutegetsi ziliho, akabigeza nawe kuli Ministri yerekana umuti ukwiliye kuli buli kibazo.
Bene iyo mikorere ntibereyeho gutinza akazi ahubwo buli wese asabwe kwihutisha amadosiye ashyikilijwe aho kwitana bamwana ngo kanaka niwe udindiza akazi.

.../...

- Iyo hafashwe ibyemezo n'inzego zibigenewe, ni uguhita bikulikizwa kandi haba abatakyishimiye na bo bakemera kutabirwanya n'aho ubundi havuka amacakubili yasenya Minisiteri.

- Milita Ministri yunzemo asaba buli wese ubwitange ku kazi ashinzwe kandi akagakorana umutima mwiza. Amatiku n'ubugambo bili mu bidindiza akazi. Ni ukubyilinda no kubyamagana.

B) Imiterere mishya ya za Serivisi (Organigramme)

Milita Ministri yavuze uko za Serivisi ziteye, ibyo zishinzwe gukora n'abakozi bashyizweho. Hali Servisi zimwe na zimwe yibanzeho, asobanura mu magambo arambuye icyo azitezeho.
Ku byerekeye Serivisi zimwe zitarabona abazishinzwe, Milita Ministri yasabye ko bihangana yuko buhoro buhoro iyo myanya izabona abayijyamo.

1° Secrétariat Général

Milita Ministri yavuze ko iyo Serivisi yaguwe ibona n'abakozi bashya bashinzwe kugaragaliza mu bikorwa Politiki igomba gukulikizwa n'izindi nzego nkuru za Minisiteri.

1) Imilimo y'Umunyamabanga Mukuru ishingiye ahanini ku milimo ikulikira :
   - Kwita ku bibazo by'abakozi bose
   - Gutanga akazi no kureba imitunganyilize ya ko.
   Kubera ko mu iki gihe Minisiteri nta Munyamabanga Mukuru ifite, Milita Ministri yizeye ko azashyirwaho mu minsi ili imbere. Ibyo bizatuma akazi karushaho kugenda neza.
   Igihe atarashyirwaho, Milita Ministri yavuze ko Milita MBATEYE Tomasi, Diregetei Jenerali wa Muvoma Koperative aliwe uzajya amusimbura igihe adahali.
2) Bureau Courrier et Archives : Iyoborwa na Militante MUKAMALIZA M. Goreti.
3) Bureau Gestion des Crédits: Iyoborwa na Milita MAHUNGU Yohani Bosiko.
4) Bureau Gestion du Personnel:Iyoborwa na Milita HATEGEKIMANA Emanweli.
   Iyo Serivisi izita ku mitunganyilize y'amadosiye y'abakozi bose. Ni ngombwa ko buli mukozi agira dosiye yuzuye kandi ntadindire haba ku mushahara, haba mu ntera.
5) Bureau Relations Publiques :Umuyobozi wayo ntarashyirwaho.
6) Direction Planification, Evaluation et Inspection des Projets: Iyoborwa na Milita BAYIGAMBA Adaluhereti.
   Milita Ministri yavuze ko iyo Serivisi ikomeye cyane kuko ahanini ni iyo ishinzwe guteganya no kugenzura imishinga yerekeye ibikorwa by'urubyiruko, Siporo na Koperative. Izo Serivisi uko ali eshatu zigomba gukora zifite programu nyayo. Igomba gukosora hakili kare amakosa yose ashobora kudindiza imigendekere ya Minisiteri.
7) Division Planification: Umuyobozi wayo ntarashyirwaho.

.../...

8) Bureau Enquêtes et Statistiques:iyoborwa na Milita RUTAMBUKA Klawudiyani
Iyo Serivisi isabwe kwihatira kumenya neza uko urubyiruko Minisiteri ishinzwe rungana,amashyirahamwe yose. Itegetswe kandi no kumenya no gutangaza imiterere ya Siporo na Koperative mu Rwanda.

9) Bureau Jeunesse et Coopératives : Umuyobozi wayo ntarashyirwaho.

10) Bureau Sports: Umuyobozi wayo ntarashyirwaho.

11) Division Inspection et Evaluation: Iyoborwa na Milita KALISA Emanweli

12) Bureau Evaluation et Contrôle : Iyoborwa na Milita KABERA Gido.

13) Bureau Legislation et Contentieux: Umuyobozi wayo ntarashyirwaho.
Milisiteri ifite imishinga itali mikeya haba mu rubyiruko, muli Koperative no muli Siporo. Hagomba kujyaho amategeko agenga ibyo byose. Imanza zivutse muli izo nzego zigakulikiranwa. Umukozi mukuru uzajyaho niwe uzajya akulikirana mu bucamanza ibibazo byose bireba inyungu ya Minisiteri.

2° Direction Générale de la Jeunesse: Iyoborwa na Milita MUNYAMBARAGA Narisisi.

Milita Ministri yavuze ko Urubyiruko rw'ubu ruteye abategetsi n'ababyeyi impungenge. Abana benshi batashoboye gukomeza amashuli, abatazi gusoma no kwandika bagomba kwitabwaho, hakabaho programu nyayo yatuma birwanaho haba mu mijyi cyangwa mu byaro. Birakwiye ko Umwaka w'i 1985 witiliwe uw'Urubyiruko ku isi hose wategurwa neza hakili kare. Programu yemejwe igomba gutangira vuba cyane cyane kubyerekeye kwigisha urubyiruko gusoma no kwandika, guteza imbere amashyirahamwe na Koperative z'Urubyiruko.

Diregiteri Jenerali w'Urubyiruko agomba kureba imikorere y'inzego zikulikira.

1) Division Production : ishinzwe Milita RUSANGANWA Agusitini.
Iyo Serivisi igomba guhita itangira gukora, ikabona n'abandi bakozi bahagije kandi babishoboye.
Milita Ministri yibukije ko mu ngendo aherutsemo muli za Prefegitura, bagiye bamubaza kenshi imitunganyilize y'ikibazo cy'uko amashyirahamwe y'Urubyiruko atabona ahoagulishiliza ibyo yejeje. Umuti wacyo ni ukuwushaka vuba.
Iyo serivisi isabwe kwiga ukuntu umusaruro w'amashyirahamwe wakwiyongera n'ukuntu wagulishwa mu masoko.
Kugira ngo ibyo bigerweho hagomba ubufatanye n'izindi nzego nka Minisiteri y'Ubuhinzi, Ubworozi n'Amashyamba, OPROVIA, na Banki.....
Iyo Serivisi izafatanye na "Direction Planification" kwihutisha imitunganyilize y'ibyobibazo.

2) Bureau Etude des Marchés : Umuyobozi wayo ntarashyirwaho.
Milita Ministri yavuze ko iyo Serivisi ikeneye umuntu uzi ibya "marketing". Yasabye uwaba amuzi kumumubwira akamusaba kuko iyo Serivisi ikwiye gutangira gukora hakili kare.

.../...

3) Bureau Approvisionnement : Umuyobozi wayo ntarashyirwaho.
Iyo Serivisi igomba guteganya kugura ibikoresho n'ibiryo bikenewe mu bigo n'amashyirahamwe y'Urubyiruko n'ukuntu bigomba gutangwa. Hagomba kubaho amabwiliza asobanura imikoreshereze n'imicungire y'imfashanyo Minisiteri itanga.

- Imikorere y'izo Serivisi uko ali éshatu ireba Diregiteri Jenerali w'Urubyiruko. Ibyo aliko ntibumubuza no kwita ku mikorere ya za Serivisi z'indi zikulikira :

4) Direction Encadrement et Formation : ishinzwe Milita KURAZIKUBONE Yozefu
Programu yo kubumbira hamwe urubyiruko mu mashyirahamwe ntirumvikana neza. Kugeza ubu abakozi ntibabyumva kimwe. Nko ku byerekeye "Chantier des Jeunes" usanga bamwe bashaka kubyitiranya n'ibikorwa mu mahanga.
"Chantier des Jeunes" ni ikigo kigenewe guhugura urubyiruko, kikarutera inkunga mu gushinga amashyirahamwe igihe rusubiye imuhira.
Ibigo byose by'Urubyiruko byali bikwiye kuba "Chantiers des Jeunes".
Igihe abana bakora, bongera umutungo w'ikigo, birakwiye ko igihe batashye babona inkunga yatuma birwanaho mu gushinga amashyirahamwe.
Milita Ministri yavuze ko mu minsi ili imbere, igihe ivugururwa ry'amashuli lizaba limaze guhama, ibigo byacu bizita cyane kuli "Encadrement".

5) Division Encadrement : ishinzwe Milita KAREKEZI Epimaki.
Iyo Serivisi igomba kumenya neza icyo igomba gukora. Akazi kayo karasobanuye. Milita Ministri yasabye ko amashyirahamwe yagaragaza ibikorwa aho kuba mu nyandiko.
- Gutegura ikiganiro cy'Urubyiruko bigomba kurushaho kwitabwaho, hakabaho ibiganiro bijijura koko urubyiruko, bikarukangulira ibikorwa by'amajyambere.

6) Bureau Mouvement de Jeunesse :ishinzwe Militante NIYOKINDI Anyesi.
Iyo Serivisi ntigenewe kwaka gusa raporo z'imilyango y'Urubyiruko, isabwe kumvisha imilyango y'Urubyiruko programu Minisiteri ifite ku Rubyiruko maze hakaba ibikorwa duhuliyeho cyane cyane ibigamije kongera umutungo w'amashyirahamwe.
- Militante NIYOKINDI azakomeza gutanga ikiganiro kuli radiyo.

7) Bureau Groupements Socio-Economiques : ishinzwe Milita MBONEZA Gasipari.
Amashyirahamwe y'Urubyiruko agomba gukorana na za Koperative. Milita Ministri yasabye ko amashyirahamwe nayo yagira amategeko ayagenga nk'uko mu RUHENGERI babimusabye.
Umushinga w'amategeko agenga amashyirahamwe ugomba guhita utegurwa kuko ukenewe cyane nko mu gukemura impaka zo gutiza imilima.

8) Division Formation des Jeunes : ishinzwe Milita HAKIZIMANA Protazi.
Ubu ibigo byose by'urubyiruko bigite Programu y'inyigisho bishingiraho mu kujijura urubyiruko. Iyo programu yemejwe mu nama y'Urubyiruko yabaye mu Gushyingo 1982.

.../...

Ibigo by'Urubyiruko bigomba kugira abayobozi n'abalimu babyigiye. Kubahugura bigomba gukomeza. Igihe cyararangiye cyo guha akazi abalimu batazi gutanga amasomo y'umwuga bazi. Abatazi gusoma no kwandika basanzwe bakora bazajya basimburwa buhoro buhoro.

Kuli bije y'uyu mwaka ni ugushaka abalimu n'abalimukazi babyigiye.

Milita Ministri yavuze ko icyemezo cyafashwe cyo gukoresha ikizamini abakozi babili bali i Gaculiro kigomba kubahilizwa.

- Iyo Serivisi isabwe kureba ukuntu ibigo by'Urubyiruko byakorera ahantu hagaragara, hafite isuku.
- Ibikoresho by'imyuga iyo byaguzwe bigomba gufangwa vuba.
- Tugomba gutera inkunga ikomeye ibigo twashinze maze buhoro buhoro ikagenda igabanuka kugeza igihe bishoboye kwihaza.
- Tugomba no gufasha abagiraneza biyemeje kutwunganira bashinga ibigo by'Urubyiruko.
- Milita Ministri yibukije ko ibikoresho bitangwa bigomba gucungwa neza kandi Minisiteri ikamenya ukuntu byakoreshejwe.
- Abana barangije mu bigo by'Urubyiruko ntibagomba gutereranwa, ahubwo n'ukubashakira ukuntu bakwibeshaho haba mu mijyi cyangwa mu byaro.

9) Bureau Programmes : Umuyobozi wayo ntarashyirwaho.

Iyo Serivisi igomba gutegura programu y'inyigisho ibigo n'amashyirahamwe y'urubyiruko bishobora gukenera.

Isabwe kureba ukuntu ibigo byigisha n'uko bikulikiza programu y'inyigisho byoherejwe muli Gashyantare 1983.

- Ibigo bigomba kubona ibitabo mfashanyigisho aho kwirwanaho ubwabyo.

Minisiteri yabonye imfashanyo y'Umuryango wa "UNESCO" yo kugura ibitabo. Imprimerie Scolaire yemeye kubitubonera. Ni ukubikulikirana ku bulyo uyu mwaka uzarangira byarabonetse.

3° Direction Générale Mouvement Coopératif et Associations Mutualistes : ishinzwe Milita MBATEYE Tomasi.

Milita Ministri yishimiye ko Minisiteri ayobora yagutse. Ni uguharanira kuzuzanya mu nzego zose z'akazi. Iyo Serivisi igomba kwilinda kwibanda ku milimo yo mu biro gusa kuko kenshi usanga akazi ikora kanyuranye n'ibikorerwa abaturage.

Imibonano yo hanze ikwiliye guhagurukirwa.

Hali ubwo Koperative yaka ubuzima gatozi bigatinda ikazabubona itakiliho. Hakaba izaka ubuzima gatozi kandi zikora neza zikabubura. Ibyo bigomba gukosorwa. Ba Insipegiteri ba za Koperative bakwiye kuvugururwa kuko kenshi iyo bamze imyaka myinshi ahantu hamwe, usanga nta bitekerezo bishya bafite.

- Za mitasiyo zabo zizategurwe vuba n'ubwo kuli bamwe hazavuka ibibazo. Icyo dushaka ni uko akazi karushaho gutungana.
- Ba Insipegiteri bazabona ububasha bwa O.P.J. Ni ukureba ababishoboye koko kandi bakabyigishwa.

.../...

- Ikibazo cya ba Jera banyereza umutungo wa za Koperative cyagiye kigaruka mu nama zabereye mu maprefegitura. Ni uguhagurukira imitunganyilize yacyo.
- Itegeko ligenga Koperative ligomba kuvugururwa, ligahuza n'igihe tugezemo.
- Koperative zapfuye zigomba kwamburwa ubuzima gatozi.
- Umushinga wo gukwirakwiza ibigega hirya no hino uracyakomeza aliko ikibabaje ni uko hashize imyaka ibili bimwe byubatse nyamara nta myaka irageramo. Icyo kibazo kizabonerwe umuti vuba.
- Si byiza gukora umushinga maze ntihigwe hakili kare ukuntu abenegihugu bazawutunganya imfashanyo y'amahanga imaze guhagararanayo mpamvu "projet silos" igomba gukulikiranwa, kimwe na "Centre IWACU" n'indi mishinga.
- Birakwiye gusesengura icyo "Associations mutualistes" bivuga kugira ngo umuntu amenye izilihO, n'uko zikora
- Igitekerezo cyo gushyiraho Koperative zibumbye kigomba kwigwa bihagije kandi bigakorwa kuko ali yo nzira nziza za Koperative zose zikwiye kugana.

CECOBEM ni ukuyitaho, imikorere yayo ikarushaho gutungana. Ni ukuyishakira impuguke yatwigira imikorere yayo igihe kirekire.

Diregiteri Jenerali ushinzwe Koperative afite abafasha. Basabwe kumutera inkunga ngo amabwiliza Ministri amaze gutanga yubahilizwe.

Dore uko inzego zimufasha ziteye n'abazishinzwe.

a) <u>Direction Coopératives et Association Mutualistes</u>:ishinzwe Milita NDEKEZI KAREKEZI Mariseli

b) <u>Division Encadrement et Formation</u>: ishinzwe Milita RWAMANYWA Yeremiya

c) <u>Bureau Formation</u> : ishinzwe Milita GIRUKUBONYE Yohani Damaseni.

d) <u>Division Assistance aux Coopératives et Associations</u> : ishinzwe Milita NAHIMANA Alufonsi.

c) Bureau Assistance et Contrôle: ishinzwe Milita MUNYAKARAGWE Aloyizi.

4° <u>Direction Générale Sports et Loisirs</u> :ishinzwe Milita MUHATURUKUNDO Norbereti.

Milita Ministri yavuze ko yishimiye ukuntu Siporo n'imyidagaduro bimaze gutera imbere.

- Siporo yasakaye mu mijyi, muli za Prefegitura no muli za Komini
- Ibibuga by'imikino bitangiye na byo gukwirakwizwa mu mpande zose z'Igihugu.
- Ibikoresho bitangwa, ni ukubisaranganya neza.

N'ubwo hatabuze ibibazo, icyo mutangomba kwibagirwa n'uko imikino n'imyidagaduro tugomba kubikulikira nakandi tukabiyobora "Il faut une totale maîtrise".

- Umushinga w'itegeko ligenga imikino mu RWANDA woherejwe mu nzego zose z'ubutegetsi ngo zigire icyo ziwuvugaho.

Kugeza ubu Milita NTEZIRYAYO Simewoni, Ministri muli Prezidansi ya Repubulika ni we wagize icyo awuvugaho. Inama yatugiliye tugomba kuzisuzuma tukanononsora uwo mushinga. Dutegereje ko hagira n'abandi badusubiza. Iryo tegeko ni ngombwa kugira ngo tuzashyireho inzego zemewe mu kudufasha gucengeza imikino mu gihugu hose kandi tumenye aho ubushobozi bwacu bugarukira. Nka za "clubs" twazatse ubuzima gatozi kugira ngo dushobore kuzitera inkunga. Ibyo byose bigomba amategeko.

.../...

-Ku byerekeye imyidagaduro, Milita Ministri yavuze ko yabonye umushinga w'itegeko werekana ingingo z'ingenzi zizitabwaho. Mu mezi atatu uzaba umaze kunononsorwa hanyuma umuntu amenye aho agana kuko kenshi usanga imyidagaduro iba nta genzurwa ryayo rihagije.

- Ballet National URUKEREREZA ubu imaze kwamamara mu RWANDA no mu mahanga. Twishimiye kubona imaze gutumirwa mu bihugu bitali bikeya :
UGANDA-LIBIYA-ETIYOPIYA-KENYA-KANADA-KOREYA YA RUGURU-UBUSHINWA- UBUDAGE BW'UBURENGERAZUBA-UBUBILIGI.
Milita Ministri yifuje ko "Ballet National" yakomeza gutera imbere kandi ikarushaho kuba ihuliro lya "Folklore" y'u Rwanda rwose.
Diregiteri Jenerali azafatanya n'inzego zikulikira :

a) Direction Sports : ishinzwe Milita NJANGWE Filipo
b) Division Education Physique et Sportive : ishinzwe Milita KAREMERA Petero
c) Bureau Information et Documentation EPS : ishinzwe Militante MUKABIDELI Perip.
d) Division Activités Sportives : ishinzwe Milita TWAGIRAYEZU Emmanuel
e) Bureau Sports d'Equipe : ishinzwe Milita MUSILIKARE Yohani Nepomuseni
f) Bureau Sports Individuels: ishinzwe Milita MBARUSHIMANA Antoni
g) Direction Folklore et Loisirs : ishinzwe Milita NKULIKIYINKA Yohani Batisita
h) Division Folklore : ishinzwe Milita BIKINDI Simoni
i) Bureau Ballet Rwandais :Umuyobozi wayo ntarashyirwaho
j) Division Loisirs : Umuyobozi wayo ntarashyirwaho
k) Bureau Loisirs Socio-Educatifs: ishinzwe Milita UWIMANA Yohani Mariya Viyane.

III. UMWANZURO : Milita Ministri yashoje inama yibutsa ingingo z'ingenzi zigomba kwitabwaho.

1. Abakozi bashya, abasanzwe n'abasimbuwe .

Milita Ministri yifulije abakozi bakuru bashya akazi keza, gufatanya na we, gukorana umwete no gutanga urugero muli byose. Ababonye imyanya ntibakwiye kwirata ku bandi ahubwo bazihatire kubanira neza abo bakorana.
Abakozi basanzwe nibarusheho kwiminjiramo agafu maze imyanya isigaye izabone abayijyamo bidatinze. Buli wese amenye ko adashobora kubona umwanya wo hejuru aliko si byo byatuma acika intege ngo adohoke ku kazi.

- Milita Ministri yasabye ba Diregiteri Jenerali kwerekana mu nyandiko akazi buli mukozi ashinzwe. Bilihutirwa kuko muli Prezidansi ya Repubulika no muli Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Ihugurwa ry'Abakozi babikeneye. Ibyo kandi bizatuma hagaragara abakozi b'abanebwe.
- Milita Ministri yunzemo yongera gusaba buli wese kwitanga, kwihutisha akazi. Buli wese ajye akora uko ashoboye aliko nta bunebwe. Udashaka gukora ntitumushaka.

.../...

2. Ibiro : Milita Ministri yasabye ba Diregiteri Jenerali guterana bakiga ukuntu bagabana ibiro maze ibyo bemeranijweho bakabimushyikiliza.
   - Bagomba guteganya kwimura FAJECOP maze naho hakajya ibiro.
   - Bazarebe kandi niba nta kuntu twakwifashisha abana b'i GACULIRO mu kwagura ibiro bimwe na bimwe.

3. Gestionnaire asabwe

   - Kwiga ahantu hashyirwa "Parking" nk'i GACULIRO cyangwa Sitadi y'i Nyamirambo kuko kuli Minisiteri ali hato kubera ko dufite imodoka nyinshi, zimwe zigomba kujya muli "Pool Réserve".
   - Gusuzuma niba koko ali abazamu bakongeje amazu amwe ya Sitadi y'i Nyamirambo
   - Abashofeli kimwe n'abaplanto bakwiye kwitoramo umukuru akajya abagira inama, ibibazo byabo akajya abimenyesha umuyobozi wa selire igihe byihutirwa, bitategereje inama ya selire.

4. Kwitegura isabukuru y'uwa gatanu Nyakanga
   Milita Ministri yibukije ko Ministeri yacu aliyo ishinzwe gutegura imikino yo ku italiki ya gatanu Nyakanga. Umukuru w'Igihugu yasabye Abanyarwanda kwizilika umukanda na twe tugomba gutegura imikino myiza idatwara amafranga menshi. Ikindi ni uko yali yaratanze uruhushya rwo gutegura imikino mu gitondo kuwa mbere no kuwa kane, yasanze atali ngombwa kandi atali byiza. Imyiteguro yashyizwe rero nyuma ya saa sita kandi ikabera kuli Sitadi i Nyamirambo, hamwe n'andi maselire yatoranijwe.

5. Ibibazo bindi bireba Selire

   - Ku byerekeye ibibazo byatanzwe, Milita Ministri yavuze ko bizasuzumwa mu nama itaha.
   - Milita Ministri yibukije yuko Komite ya Selire igomba kuvugururwa hakulikijwe amabyiliza ya Muvoma, ibyo bikazatunganwa mu minsi ili imbere.

Umwanditsi :
Visi-Prezida wa Komite ya Selire
BAGOYI Yozefu.-

Prezida w'Inama
Ministri w'Urubyiruko
no Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Agusitini
Major BEM.